# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

GASHYANTARE 2025

## MINISITIRI DR. BIZIMANA YASABYE URUBYIRUKO RUSOJE URUGERERO KWIRINDA ABARUBIBAMO AMACAKUBIRI




SOMA PAJI YA 2- 3

SOMA PAJI YA 4

## UMUNSI W'INTWARI Z'IGIHUGU MU KARERE WIZIHIJWE ABABYEYI BASABWA GUTOZA ABANA BABO UBUTWARI HAKIRI KARE



SOMA PAJI YA 5

## MBAZI- ABAGIZE INTEKO ISHINGAMATEGEKO Y'U RWANDA BAHAYE ABATURAGE IBIGANIRO BYIBANZE KU MATEKA Y'IGIHUGU





SOMA PAJI YA 9

## MU KARERE HASOJWE AMARUSHANWA "UMURENGE KAGAME CUP"

# MINISITIRI DR. BIZIMANA YASABYE URUBYIRUKO RUSOJE URUGERERO KWIRINDA ABARUBIBAMO AMACAKUBIRI



***Minisitiri wa MINUBUMWE asoza Urugerero 12***

Ku wa 28 Gashyantare 2025, mu Murenge wa Tare hasorejwe ku rwego rw'igihugu, Urugerero rudaciye ingando, icyiciro cya 12.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ishingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr. Jean Damascène BIZIMANA wari umushyitsi mukuru muri ibi birori, yasabye urubyiruko rusoje Urugerero kwirinda abaruribamo amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko ubuyobozi bw'Akarere buzakomeza kuba hafi izi ntore kugira ngo zikuze ihame ry'ubumwe n'ubudaheranwa.

Yaragize ati : « Intore zisoza urugerero uyu munsi tuzakomeza kuziba hafi kugira ngo zikuze ihame ry'ubumwe n'ubudaheranwa twahisemo.

Tuzakomeza kandi gahunda za Leta zisanzweho zubaka ubumwe, kwimakaza indangagaciro zo gukunda u Rwanda no kunoza umurimo bigeza Abanyarwanda n'urubyiruko by'umwihariko ku kwigira no kwihesha agaciro. »

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ishingano Mboneragihugu, Dr. BIZIMANA yashimiye izi ntore ku bikorwa biteza imbere umuturage zakoze.

Yazibwiye ko iminsi zimaze ku rugerero zahakuye ubumenyi buhagije burimo kumenya indangagaciro zikwiye no kuba mu gihugu gitekanye.

By'umwihariko yasabye uru rubyiruko kwirinda abarubibamo amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.



***Minisitiri Dr. BIZIMANA yasabye urubyiruko kwirinda amacakubiri***

Gusoza Urugerero, icyiciro cya 12 ku rwego rw'Igihugu byitabiriwe kandi na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice Kayitesi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere n'abandi.

Urugerero rwasojwe ku wa 28 Gashyantare 2025 mu Karere ka Nyamagabe, rwatangiye ku wa 13 Mutarama 2025.

Rwitabiriwe n'intore zarangije amashuri yisumbuye mu mwaka w'amashuri wa 2023-2024 zigera ku 1,846.



***Intore zisaga 1800 ni zo zasoje Urugerero mu Karere***

Ibikorwa byakozwe muri iki gihe cy'Urugerero byibanze ku gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza n'iterambere by'abaturage. Hubatswe inzu 3, hasanwa izindi 47.

Hubatswe kandi ubwiherero 25, hanasanwa ubundi 125.

Hubatswe ingarani 57, uturima tw'igikoni 126, amateme 2, hanasanwa imihanda ifite uburebure bwa kilometero 4.

Hatewe kandi ibiti 2020 birimo ibivangwa n'imyaka 220. Hakozwe ubukangurambaga bwo kwizigamira, kwirinda Malaria n'ubwo kurwanya guta ishuri.

Ibi bikorwa byose intore zo mu Karere zakoze bifite agaciro kagereranyije ka miliyoni 56 n'ibihumbi 650.



***Bimwe mu bikorwa intore zakoreye ku Rugerero 12***

## ABAREZI N'ABANYESHURI BO MURI GS SAINT BERNARD NGORORERO BASABWE KWIRINDA AMACAKUBIRI

Ku wa 21 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere, Major Elie NKURANGA baganirije abarezi n'abanyeshuri bo muri G.S Saint Bernard NGORORERO kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

Meya NIYOMWUNGERI yabanje kubasobanurira icyo "Ndi Umunyarwanda" ari cyo n'inkomoko yayo.

Yabasabye kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abarezi n'abanyeshuri bo muri G.S Saint Bernard NGORORERO kwirinda amacakubiri***

Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" igamije gutoza abanyarwanda kwiyumvamo ubunyarwanda mbere y'ibindi byose, kubana nta rwikekwe no gushyira inyungu rusange n'iz'igihugu mbere y'inyungu bwite.

## UMUNSI W'INTWARI Z'IGIHUGU MU KARERE WIZIHIJWE ABABYEYI BASABWA GUTOZA ABANA BABO UBUTWARI HAKIRI KARE



*Kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu ku nshuro ya 31 mu Karere*

Ku wa 01 Gashyantare 2025, kuri Stade Nyagisenyi hizihirijwe ku nshuro ya 31, Umunsi w'Intwari z'Igihugu ku rwego rw'Akarere aho umushyitsi mukuru yari Honorable MUNYANDAMUTSA Jean Paul.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti:"Ubutwari n'ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere."

Kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu ku rwego rw'Akarere, byatangijwe n'igikorwa cyo kumurika ibikorerwa mu Karere n'akarasisi k'abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri bitandukanye byo mu Murenge wa Gasaka hamwe n'abikorera.



*Mu kwizihiza Intwari z'Igihugu habayeho igikorwa cyo kumurika ibikorerwa mu Karere*

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye ababyeyi gutoza abana babo ubutwari bakiri bato.

Yaragize ati:"Intwari ntiyivukira gusa. Ahubwo intwari irarerwa, igakura, ikitabwaho ari nako yitoza gukora ibikorwa by'ubutwari mu buzima bwayo bwa buri munsi. Ni nayo mpamvu Abanyarwanda bavuga ko nta gasozi kabura intwari. Ibi ni umukoro ku babyeyi twese turi hano, baba ari ab'iki gihe n'ab'igihe kizaza. Umwana atozwa ubutwari akiri muto."



*Honorable MUNYANDAMUTSA yasabye buri wese kwigira ku Ntwari z'Igihugu*

Honorable MUNYANDAMUTSA Jean Paul yasabye abaturage b'Akarere ka Nyamagabe kwigira ku bikorwa by'Intwari z'Igihugu kandi bagaharanira kuba umwe.

Mu bandi bashyitsi bifatanyije n'Akarere kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu ku nshuro ya 31, harimo Honorable AYINKAMIYE Spéciose na Honorable TUMUKUNDE Aimé Marie Ange.

Hari kandi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere n'abandi.

## ABAYOBOZI B'AKARERE N'ABAYOBOZI B'AMASHAMI BAHUGUWE KURI GAHUNDA YO GUKURA ABATURAGE MU BUKENE



***Perezida w'Inama Njyanama na ba Visi Meya mu mahugurwa ya BRAC-UPGI***

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere, abayobozi b'amashami mu Karere n'abagize Komite Mpuzabikorwa y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF Nyamagabe), bitabiriye amahugurwa y'iminsi 2 yibanze kuri gahunda yo gufasha abaturage b'Akarere kwikura mu bukene.

Ni amahugurwa yatangiye ku wa 17 asozwa ku wa 18 Gashyantare 2025.

Amahugurwa yateguwe n'Umushinga BRAC Ultra Poor Graduation Initiative (UPGI), akaba agamije gufasha Akarere mu kwihutisha gahunda yo kuvana mu bukene mu buryo burambye abaturage bayirimo.

Atangiza aya mahugurwa, Meya NIYOMWUNGERI yashimiye by'umwihariko Ubuyobozi bw'Umushinga BRAC-UPGI ku bufatanye budahwema kugaragariza Akarere ubinyujije mu mishinga ifasha abaturage kwikura mu bukene.

Umuyobozi wa BRAC-UPGI mu Rwanda, Bwana MUHIRE Jean Claude nawe yashimiye ubuyobozi bw'Akarere ku bufatanye buwugaragariza mu bijyanye no gufasha umuturage kwiteza imbere, abwizeza ko buzakomeza.



***Meya NIYOMWUNGERI, Visi Meya UWAMARIYA na Gitifu SAMVURA mu mahugurwa ya BRAC-UPGI***



***Abitabiriye amahugurwa ya BRAC- UPGI basobanuriwe gahunda yo gukura abaturage mu bukene***

# AKARERE KAKOREWE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2024-2025 MU BIHEMBWE 2 BIBANZA



***Meya NIYOMWUNGERI ari kumwe na Visi Meya HABIMANA hamwe na Gitifu SAMVURA bakiriye itsinda ryo muri NISR ryaje mu isuzuma ry'imihigo y'Akarere***

Ku wa 20 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens bakiriye abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR).

Bari baje mu gikorwa cyo gusuzuma ibyakozwe mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 mu bihembwe 2 bibanza no kureba uko ibikorwa byakozwe mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019 bibungabunzwe.

Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko uko imihigo y'Akarere yo guhera muri Nyakanga 2024 kugeza mu Ukuboza 2025 yeshejwe, abakozi ba NISR bigabanyijemo amatsinda basura bimwe mu bikorwa biri mu Mirenge itandukanye.

Ku wa 21 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yaherekeje itsinda ry'Abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) basuzumye ibikorwa biri mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 biri mu Murenge wa Kitabi.

Muri uyu Murenge, barebye uko ibyumba by'Amashuri byubatswe muri EP Gashwati mu mwaka wa 2018-2019 bibungabunzwe.

Basuye kandi umuturage wahawe inka binyuze muri gahunda ya "Girinka Munyarwanda" n'uwashyize inka ye mu bwishingizi bw'amatungo.



***Muri KITABI, abakozi ba NISR basuye ibyumba by'amashuri byubatswe kuri EP Gashwati mu mwaka wa 2018-2019***

Muri uyu Murenge kandi basuye uwasaniwe n'uwubakiwe inzu.

Banasuye abahawe amashanyarazi afatiye ku muyoboro mugari.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we yaherekeje itsinda ryasuzumye ibikorwa biri mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 biherereye muri zone ya Mushubi.

## MU KARERE HATERANYE INAMA YIBANZE KU MIGENDEKERE Y'IGIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2025A



***Visi Meya HABIMANA yayoboye inama y'ubuhinzi n'ubworozi***

Ku wa 10 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye inama y'ubuhinzi n'ubworozi.

Mu bijyanye n'ubuhinzi, inama yarebeye hamwe uko igihembwe cy'ihinga cya 2025A cyagenze n'uko icya 2025B kiri gutegurwa.

Yarebeye hamwe kandi uburyo bwo kwegereza abahinzi inyongeramusaruro zunganiwe na Leta, imyiteguro y'ubuhinzi bw'imboga, inasuzuma uko ibyanya byuhirwa biri mu Karere bibyazwa umusaruro.

Mu bijyanye n'ubworozi, inama yarebeye hamwe gahunda yo gukingira no gutera intanga amatungo ndetse no kunoza imikorere y'amabagiro y'ingurube ari mu Karere.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAGIRANYE IBIGANIRO N'ABAHINZI BO MU GISHANGA CYA RWONDO



***Meya NIYOMWUNGERI aganira n'abahinga mu gishanga cya Rwondo***

Ku wa 25 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yagiranye ibiganiro n'abanyamuryango ba Koperative "JYIMBERE MUHINZI RWONDO" ikorera ubuhinzi bw'ibigori, ibirayi n'imboga mu gishanga cya Rwondo gihuriweho n'Imirenge ya Gatare, Musebeya na Buruhukiro.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye aba bahinzi ku bw'imbaraga bashyize mu buhinzi bw'ibigori, ibizatuma babona umusaruro mwiza mu minsi iri imbere.

Yabasabye kuwongera ukava kuri toni 250 z'ibigori beza ku gihembwe cy'ihinga bakagera kuri toni 400.

Yabasabye kandi kongera ubwanikiro no kubungabunga ubwo bafite mu rwego rwo kwirinda ko hazabaho kwangirika k'umusaruro.

By'umwihariko yabasabye gukomeza gukoresha inyongeramusaruro no gushyira ibihingwa mu bwishingizi.

Igishanga cya Rwondo gifite ubuso buhingwa bugera kuri hegitari 60.

# MU KARERE HASOJWE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP



***Meya NIYOMWUNGERI ashyikiriza ikipe y'Umurenge wa Gasaka igikombe yegukanye nyuma yo gutsinda iya Nkomane***

Ku wa 23 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na bamwe mu bagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yasoje amarushanwa Umurenge Kagame Cup ku rwego rw'Akarere.

Ku wa 17 Mutarama 2025, ni bwo amarushanwa Umurenge Kagame Cup ku rwego rw'Akarere yatangiye mu Karere, yitabirwa n'Imirenge yose.

Ku rwego rw'Akarere, aya marushanwa yasojwe n'imikino y'umupira w'amaguru yahuje ikipe y'Umurenge wa Gasaka n'iy'Umurenge wa Nkomane mu bagabo.



***Umukino wa nyuma w'amarushanwa Umurenge Kagame Cup ku rwego rw'Akarere yasojwe n'umukino wahuje ikipe y'abagabo y'Umurenge wa Gasaka n'iy'uwa Nkomane***

Umukino warangiye ari ibitego 3 by'ikipe y'Umurenge wa Gasaka kuri 1 cy'iy'uwa Nkomane.

Habaye kandi umukino wahuje ikipe y'Umurenge wa Mugano n'iy'uwa Gasaka mu bagore warangiye ari ibitego 2 by'iy'uwa Mugano ku 0 bw'iy'uwa Gasaka.



***Umukino wahuje Umurenge wa Nkomane n'uwa Gasaka warangiye ari ibitego 3 kuri 1***

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wasoje amarushanwa Umurenge Kagame Cup ku rwego rw'Akarere yashimiye abayitabiriye bose.

Yababwiye ko aya marushanwa ategurwa mu rwego rwo kurushaho gushimangira imiyoborere myiza.

Yasabye abitabiriye uyu mukino gukunda siporo kuko ari ubuzima.

Yabasabye kandi kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside no guha ishingiro Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

By'umwihariko yasabye urubyiruko kwirinda no kurwanya ibiyobyabwenge.

Umurenge Kagame Cup, ni amarushanwa ahuza amakipe y'abaturage mu nzego z'ibanze buri mwaka mu mikino itandukanye.

# UMUYOBOZI W'AKARERE YAYOBOYE INTEKO Z'ABATURAGE MU MIRENGE YA KADUHA NA MUSHUBI



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage***

Ku wa 19 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Murambi ko mu Murenge wa Kaduha, asaba abaturage b'aka Kagari by'umwihariko abo mu Mudugudu wa Rebero kurushaho kwitabira gahunda za Leta.

Yabasabye kandi guhinga ubutaka bwose buhingwa, gushyira mu bwishingizi ibihingwa n'amatungo, kwiyandikisha muri gahunda ya Smart Nkunganira, kwandikisha mu irangamimerere abana bavutse no kwandukuza abapfuye, kwiyandikishaho ubutaka bwabo butabanditseho n'ibindi.

By'umwihariko yabasabye kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse n'ibiyishamikiyeho byose.

Nyuma yo kuganira, afatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Kaduha, Meya NIYOMWUNGERI yakiriye ibibazo by'abaturage bihabwa umurongo.

Ku wa 25 Gashyantare 2025, Meya NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Gashwati, mu Murenge wa Mushubi.

Nyuma yo kuganiriza abaturage b'aka Kagari n'abo mu two bihana imbibi kuri gahunda za Leta zitandukanye zirimo kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside, afatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge babagaragarije aho ibibazo babajije mu Nteko z'Abaturage zabanje bigeze bikemuka.

Muri iyi Nteko kandi hakiriwe ibibazo bishya, binahabwa umurongo.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kurushaho kwitabira gahunda za Leta***



***Abaturage basabwe kwandikisha ubutaka bwabo butabanditseho***

# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA GASHYANTARE 2025 KU RWEGO RW'AKARERE WIBANZE KU GUTUNGANYA UMUHANDA W'UMUGENDERANO



***Meya NIYOMWUNGERI mu Muganda Rusange wa Gashyantare 2025***

Ku wa 22 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildrebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere bifatanyije n'abaturage b'Akagari ka Shaba ko mu Murenge wa Kitabi mu bikorwa by'Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2025.

Batunganyije umuhanda w'umugenderano uhuza Umudugudu wa Uwinka n'uwa Gakoko.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage ba Kitabi kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside***

Nyuma y'Umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Kitabi kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside no guha ishingiro Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yabasabye kandi guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi mu rwego rwo kwihaza mu biribwa, gukoresha inyongeramusaruro, kwitabira kurara amarondo no kwiyandikishaho ubutaka bwabo butabanditseho.

Nyuma y'Umuganda Rusange, kimwe n'ahandi hose mu gihugu no mu Murenge wa Kitabi habaye amatora yo kuzuza imyanya y'ubuyobozi itorerwa ku rwego rw'Umudugudu yaburagamo abantu.

Meya NIYOMWUNGERI yabwiye abatowe ko nubwo inshingano batorewe ari iz'ubukorerabushake, kuba bagiriwe icyizere n'abaturage ubwabyo ari iby'agaciro gakomeye.

Yabasabye kuzashyira imbaraga mu gukemura ibibazo by'abaturage kandi bakazarangwa n'ukuri.



***Nyumay'Umuganda Rusange wa Gashyantare 2025 habaye amatora***

Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yawukoranye n'abatuye Umurenge wa Kamegeri.

Nyuma y'Umuganda, Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage ba Kamegeri kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibiyishamikiyeho, kwiyandikishaho ubutaka bwabo butabanditseho, kugira uruhare muri gahunda yo gufatira ifunguro ku ishuri (School Feeding), kugira isuku n'ibindi.



***Nyuma y'Umuganda Rusange wa Gashyantare 2025, Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside***

Nyuma y'Umuganda Rusange, habayeho amatora yo kuzuza imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu nk'uko byabaye mu Karere hose.

## INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'UMWAKA WA 2024-2025



*Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2024-2025*

Ku wa 26 Gashyantare 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yasuzumye inemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025.


Ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 yemejwe yiyongereyeho 4.34% ugereranyije n'iyemejwe mbere y'uko uyu mwaka utangira.

Mu bindi iyi nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje harimo tarifu ivuguruye y'imisoro n'amahoro y'Akarere na gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko ya Leta by'umwaka wa 2024-2025.

Inama yasuzumye kandi raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku kibazo cy'isambu Bwana KANYAMARERE Janvier yagejeje ku Nama Njyanama y'Akarere, isanga nta shingiro gifite.



*Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO ni we wayoboye inama idasanzwe yemeje ingengo y'imari ivuguruye ya 2024-2025*




*Ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye yazamutseho 4.34%*

## MU KARERE HASOJWE ICYUMWERU CY'UBUREZI MURI EAR DIYOSEZI YA KIGEME



*Visi Meya UWAMARIYA mu gusoza Icyumweru cy'Uburezi muri EAR Diyosezi Kigeme*

Ku wa 22 Gashyantare 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye ibirori byo gusoza Icyumweru cy'Uburezi mu mashuri ya EAR Diyosezi ya Kigeme cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "TUGENDE NK'ABANYABWENGE."

Ibi birori byabereye muri GS Uwinkomo iherereye mu Murenge wa Tare.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye abayobozi b'amadini n'amatorero, abarezi n'ababyeyi kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu bana kuko byagaragaye ko mu bana b'abanyeshuri ihari.

Yabasabye kandi gutoza abana indangagagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, kwita ku mitsindire yabo n'ibindi.

Ibi birori byaranzwe n'imbyino hamwe n'imivugo byitabiriwe kandi n'abayobozi batandukanye bo muri EAR Diyoseze ya Kigeme barimo Umushumba wayo Musenyeri Assiel MUSABYIMANA, abo mu Ihuriro ry'Amatorero ya Protesitanti mu Rwanda (CPR) n'abandi.





*Visi Meya UWAMARIYA yatanze ubutumwa bwo kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside*

## ABATURAGE B'AKARERE BARISHIMIRA ITERAMBERE ISANTERI Y'UBUCURUZI YA GASARENDA IGEZEHO




***Isanteri ya Gasarenda imaze gutera imbere***

Abatuye n'abagenda mu Gasarenda, barishimira iterambere bamaze kugeraho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ririmo inzu zigezweho, ubucuruzi ndetse n'ibindi bahamya ko ari imbuto z'imiyoborere myiza.

Amateka ya Gasarenda ahera mu myaka yo hambere, aho bivugwa ko hari izingiro ry'ubukorikori bwiganjemo kuboha ibitebo, intaro (intara) n'imitiba (intonga), byifashishwaga mu gusarura, kugusora no guhunika imyaka.

Kuri ubu ariko ibi ntiwabibona aha mu Gasarenda kuko iyo uhinjiye uhita ubona ibikorwa by'iterambere birimo amagorofa n'ibindi.

Uretse abagenda bazamura inyubako zitandukanye mu Gasarenda zirimo n'amagofora atarahigeze mbere, ubu hageze n'ibicuruzwa birimo na moto ndetse na sitasiyo icuruza ibikomoka kuri peteroli.




***Abafite ibinyabiziga banyura mu Gasarenda hari aho bongereramo amavuta***

Gasarenda na Kaduha ni yo mijyi ibiri yunganira uwa Gasaka, ubarizwamo ibiro by'Akarere.

Ibarizwa mu ihuriro ry'umuhanda uva mu Ntara y'Uburengerazuba unyuze muri Pariki ya Nyungwe n'ujya mu Mirenge ya Uwinkingi, Buruhukiro, Gatare, Nkomane, Musebeya, Mushubi, Kaduha na Musange y'Akarere ka Nyamagabe.




***Isanteri ya Gasarenda imaze kugezwamo amagorofa***



***Uretse amagorofa yuzuye aha mu Gasarenda kuri ubu akaba anakorerwamo, hari n'andi abura igihe gito ngo na yo afungure imiryango***

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**